**Inkingi**
**Forces Démocratiques Unifiées**
**United Democratic Forces**

**Tel: +250785836000**

**fdu.inkingi. rwa@gmail. com   www.fdu-udf. org**

# Raporo yo ku waa 14 Gashyantare 2010

Ubukerarugendo ni rimwe mu masoko igihugu cyacu cyabyazamo umutungo wakwifashishwa mu mishinga inyuranye yo guteza imbere igihugu.

Uyu munsi Umuyobozi wa FDU-Inkingi madamu Ingabire Victoire Umuhoza , yagiye mu ntara y'Amajyepfo aho yasuye Kiliziya yitiriwe Kristu Umwami i Nyanza .



We n'abari ba muherekeje bakomeje bagera mu mujyi wa Huye aho basuye Ikigo cy'Ingoro y'Igihugu y'Umurage wu Rwanda.



Bamutambagije  Ingoro bamwereka  amwe mu mateka  yaranze u Rwanda kuva ku gihe cy’Abakoroni kugeza uno munsi ,aho usangamo ibintu byinshi bitandukanye byaranze u Rwanda, bikaranga n’umuco w’igihugu cyacu.



Saa 10H z’Umugoroba ,Madamu Ingabire Victoire Umuhoza na Frank Habineza  bagiranye Ikiganiro kuri Telefoni  n’Abanyarwanda baba muri Amerika ,bakaba baraganiriye ku bibazo bya politiki bahura nabyo mu nzira yo guharanira Demokarasi mu RWANDA, bakaba barabasabye ko babakorera ubuvugizi ahantu  hose kuko urugamba rwa Demokarasi Umuntu atarushobora wenyine. Abanyarwanda baba muri Amerika bakaba barabemereye gufatanya nabo ,mu bibazo byose  .

**Ibiro by’Umuyobozi Mukuru wa FDU-Inkingi**

**Kigali-Rwanda**

**__Photos__**: Kim Bazumva